Rwanda Meteorology Agency

*ISO 9001:2015 CERTIFIED*

**Kigali, kuwa 29 Ukuboza 2022**

# IMVURA ITEGANYIJWE MURI MUTARAMA NA GASHYANTARE 2023

Ukwezi kwa Mutarama na Gashyantare bigize kimwe mu bihe byo mu Rwanda bigenderwaho mu mirimo itandukanye aricyo « Urugaryi ». Muri Mutarama na Gashyantare 2023 mu Rwanda hateganyijwe imvura iringaniye muri rusange ariko mu majyepfo y'iburengerazuba imvura iteganyijwe kwiyongera biturutse ku miterere yaho.

Ubusanzwe hashingiwe ku ishusho y'imigwire y'imvura mu gihe kirekire, muri aya mezi abiri mu Rwanda haboneka imvura iri hagati ya milimetero 50 na 350 bitewe n'ahantu. Muri rusange hateganyijwe imvura nk'isanzwe igwa mu bihe byiza ariko iziyongeraho gake mu majyepfo y'iburengerazuba bw'igihugu.

Ibi bizaterwa n'imiterere ya buri hantu (imisozi, ibiyaga, amashyamba n'ibindi) hamwe n'ubushyuhe bwo mu nyanja ngari y'Abahinde niya Pasifika buzaba buri mu kigero gisanzwe mu kwezi kwa Mutarama na Gashyantare bigatuma akarere k'Afurika y'Iburasirazuba muri rusange ndetse n'u Rwanda by'umwihariko gakomeza kubona imvura iri ku kigero cy'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa mubihe by'Urugaryi.

Ingano y'imvura iteganyijwe hirya no hino mu gihugu muri Mutarama na Gashyantare 2023

- **Imvura iri hagati ya milimetero 270 na milimetero 340** iteganyijwe mu turere twa Nyamasheke, Nyaruguru na Rusizi n'igice kinini cy'Uturere twa Karongi, Nyamagabe na Huye ndetse n'igice cy'amajyepfo y'iburengerazuba bw'Akarere ka Gisagara na Nyanza.

- **Imvura iri hagati ya milimetero 200 na milimetero 270** iteganyijwe mu turere twa Rubavu, na Rutsiro, igice kinini cy'Akarere ka Nyanza na Gisagara, iburengerazuba bw'Akarere ka Nyabihu, Ruhango na Ngororero, iburasirazuba bw'Akarere ka Karongi, igice gito cy'Akarere ka Nyamagabe na Huye, igice gito cy'iburengerazuba bw'Akarere ka Muhanga.


- **Imvura iri hagati ya milimetero 130 na milimetero 200** iteganyijwe mu turere twa Musanze, Gakenke na Muhanga, iburengerazuba bw'Akarere ka Burera, ibice by'iburasirazuba bw'Uturere twa Ruhango, Nyabihu, Ngororero na Nyanza n'agace gato k'Akarere ka Gisagara.

- **Imvura iri hagati ya milimetero 60 na milimetero 130** iteganyijwe mu turere twose tw'Intara y'Iburasirazuba, mu Mujyi wa Kigali, mu ntara y'Amajyaruguru mu turere twa


P.O Box 898 KIGALI | E-mail :info@meteorwanda.gov.rw | @MeteoRwanda
Address: Nyarugenge KN2, 96st | Website: www.meteorwanda.gov.rw | Meteo Rwanda

(Gicumbi, Rulindo, n'igice kinini cya Burera n'agace gato k'iburasirazuba bwa Gakenke) ndetse n'igice cy'iburasirazuba bw'Akarere ka Kamonyi

**IKARITA IGARAGAZA INGANO Y'IMVURA ITEGANYIJWE KUVA MUTARAMA KUGEZA GASHYANTARE 2023 NDETSE N'IMVURA ISANZWE IGWA MURI ICYO GIHE**




*Ikarita 1: Imvura iteganyijwe muri Mutarama na Gashyantare 2023*




*Ikarita 2: Imvura isanzwe igwa muri Mutarama na Gahyantare*

Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda), kirashishikariza Abaturarwanda n'abafatanyabikorwa bose gushingira kuri iri teganyagihe mu igenamigambi ry'ibikorwa byabo bya buri munsi.

Abakeneye ibindi bisobanuro birambuye kuri iri teganyagihe n'uburyo ryakoreshwa barasabwa kwegera Ikigo cy''u Rwanda gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) cyangwa bagahamagara kuri nimero itishyurwa 6080.

Iri teganyagihe rikomeza gukoreshwa ryunganirwa n'irindi risanzwe ritangwa mu gihe cy'ukwezi, iminsi icumi (10), iminsi itanu (5), ndetse n'iteganyagihe ritangwa buri munsi.

Bikorewe i Kigali, kuwa 29/12/2022

for DG

**Aimable GAHIGI**
**Umuyobozi Mukuru**